# Bigenda bite iyo mbonye ubufasha bw'umwana (Child Tax Credit) hamwe n'Ubufasha Rusange (GA, General Assistance)?

## Ushobora guhabwa byombi! Ariko hariho ibintu bike ugomba kumenya:

Uburyo ukoresha amafaranga y'imfashanyo y'umwana bishobora kugira ingaruka muguhabwa Ubufasha Rusange. GA **izagabanuka** niba:

1) Ufite amafaranga y'imfashanyo y'umwana utakoresheje mugihe usabye GA.
2) Wakoresheje amafaranga y'imfashanyo y'umwana kubintu cyangwa serivisi zitari "ibikenewe byibanze".

**Inkuru nziza nuko, hari ingamba ushobora gufata kugirango urinde GA yawe kugabanuka!**

**Ingamba ya 1.** Gusaba imfashanyo y'umwana.

**Ingamba ya 2.** Koresha amafaranga **yose** y'imfashanyo y'umwana kubintu bikenewe **MBERE** yuko usaba GA.

- ***Kuki?*** *Amafaranga uhabwa na GA azagabanywa n'umubare w'amafaranga ufite muntoki cyangwa muri banki.*

**Ingamba ya 3.** Koresha imfashanyo y'umwana ku bintu cg servisi zibarwa "**ibikenewe by'ingenzi**"

- ***Kuki?*** *Imfashanyo ya GA izagabanywa namafaranga yakoreshejwe mubintu / serivisi bitari ngombwa.*
- ***Nibiki bibarwa nk' "ibikenewe byibanze"?* Reba urupapuro rwa 2!**

**Ingamba ya 4.** Bika inyemezabwishyu zawe zose kubintu cyangwa serivisi waguze ukoresheje amafaranga y'imfashanyo y'umwana.

- ***Kuki?*** *Uzatanga inyemezabwishyu mugihe usaba imfashanyo ya GA kugirango werekane ko wakoresheje amafaranga yimfashanyo y'umwana ku "bikenewe byibanze".*

***Urugero:*** Umuntu ukoresha $800 agura telefoni ngendanwa, hanyuma agasaba GA kwishyura $1.000 kubukode bw'inzu bizatuma imfashanyo ya GA igabanukaho $800 (amafaranga yakoreshejwe ku kintu kitari icyibanze). GA izishyura $200 gusa kubukode bw'inzu.

Ku rundi ruhande, niba bakoresheje $800 mu bicuruzwa byo mubikopo, bikoresho by'isuku, no mu myambaro ishyushye, nta faranga ryakurwa mu nyishyu ya GA. GA yari kwishyura amadorari 1000 yuzuye mubukode.

## Niki kibarwa nk "ibikenewe byibanze " kuri GA?

| Ibikenewe by'ibanze birimo | Ibikenewe byibanze NTI birimo |
| --- | --- |
| • Gutwara ibintu/abantu<br>• Ubukode<br>• Ubushyuhe, umuriro, amavuta yo guteka, amazi/umuyoboro<br>• Imyambaro<br>• Ibikoresho byo murugo<br>• Ibikenewe mukwiyitaho<br>• Amafaranga yo kwivuza, imiti, hamwe kwivuza amenyo<br>• Imisoro<br>• Amafunguro ya saa sita yo kwishuri<br>• Amaranje<br>• Telefoni (mugihe ikenewe mukazi cg mukwivuza GUSA) | • Interneti<br>• Telefoni igendanwa<br>• TV<br>• Amatabi/inzoga<br>• Inguzanyo y'ikarita<br>• Kugura impano<br>• Amafaranga yo kwita kumatungo yo murugo<br>• Amafanga yo gutembera<br>• Amafaranga y'ubucamanza namande<br>• Resitora<br>• Filime<br>• Ibikinisho n'imikino |